

## Ibisabwa Kugira ngo Wemererwe Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa: Ibyo Ukwiyeye Kumenya Kugira ngo Ukomeze Uhabwe Ibyo Ugenerwa Basic Food Eligibility Requirements: What You Need to Know to Keep Your Benefits

### **Ibyo ugenerwa bifite igihe bizahagarara niba nta kazi ufite**

Tugufata nk'umuntu mukuru udafite abantu atunze (ABAWD) muri gahunda y'Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa.

Ushobora guhabwa ibigenerwa abahabwa Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa mu gihe cy'amezi 3 muri buri mezi 36 uramutse utujuje ibisabwa mu kazi.

### **Uko Wabigenza ngo Usigasire Ibyo Ugenerwa muri gahunda y'Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa**

Ugomba gukora kimwe muri ibi bikurikira kugira ngo ukomeze ubone ibyo ugenerwa mu gihe kirenze amezi atatu:

- Gukora akazi kubukorerabushake ubinyujije muri gahunda ya Workfare [Soma Wekifeya] buri kw'ezzi. Ibyo ugenerwa ku kw'ezzi ni byo bigenye umubare w'amasaha ugomba kugeza mu kazi kubukorerabushake kugira ngo ukomeze guhabwa imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa.
- Gukora nibura amasaha 20 ku cyumweru cyangwa amasaha 80 ku kw'ezzi.
- Kwitabira gahunda y'abakoresha cyangwa amahugurwa yemewe na Leta nka:
  - Basic Food Employment and Training (BFET) (Amahugurwa n'akazi bigenye abahabwa Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa) Ku bindi bisobanuro wajya ku rubuga [www.dshs.wa.gov/bfet](http://www.dshs.wa.gov/bfet);
  - Gahunda zivugwamo itegeko Rigenga Amahirwe y'akazi ryitwaga Workforce Innovation and Opportunity Act (WIOA). Ku bindi bisobanuro wasura urubuga <https://www.dshs.wa.gov/esa/community-services-offices/wioa>;
  - AmeriCorps VISTA; cyangwa
  - Limited English Proficiency (LEP) Pathway (Amasomo y'icyongereza cy'Ibanze).

### **Intambanyi mu Kwitabira izo Gahunda**

Ugomba kutwegera ukadusobanurira niba udashoboye gukora nibura amasaha 80 ku kw'ezzi kubera ko:

- Ufite ubumugabo w'ingingo cyangwa ubwoko mu mutwe;
- Ibyo ugenerwa ubihabwa biturutse muri gahunda ya Labor & Industries (L&I), Ubuyobozi bw'Ingabo Zavuye ku Rugerero (Veterans Administration) cyangwa ikigo kigenga cy'ubwishingizi bw'ubumuga;
- Uba mu buzima butakwemerera kugira akazi ukora nko kuba umaze igihe kinini utagira aho wikinga;
- Wita ku muntu udashobora kugira icyo yimarira kubera izabukuru cyangwa ubumuga;
- Witabira gahunda y'imiti igenye abagizwe imbata n'imiti cyangwa ibiyobyabwenge;
- Warasabye cyangwa uhabwa inkunga y'ingoboka y'ubushomeri;
- Wiga mu kigo bikagutwara nibura icya kabiri cy'igihe cyawe; cyangwa
- Uhabwa inkunga y'amafaranga igenye impunzi muri gahunda ya Refugee Cash Assistance benefits cyangwa iya Matching Grant Funds.

### **Ibintu ugomba gukorera imenyekanisha**

Ugomba kutumenyesha niba:

- Udashoboye kuzuza amasaha asabwa mu kw'ezzi.
- Niba akazi ukora katageza amasaha 20 ku cyumweru.
- Amafaranga yinjira mu rugo iwanyu ariko ateganywamo mu itegeko WAC 388-478-0060.

Ushobora kubona ibindi bisobanuro ku bisabwa muri gahunda y'ABAWD ku rubuga [www.dshs.wa.gov/abawd](http://www.dshs.wa.gov/abawd).

Waduhamagara kuri 1-877-501-2233 uramutse ufite ikibazo, ukeneye ubufasha bw'ubwoko kubona amahugurwa, cyangwa ushaka kumenyekanisha impinduka runaka.

Ushobora gusura urubuga rwacu kuri [www.washingtonconnection.org](http://www.washingtonconnection.org) ugasaba imfashanyo, ugatanga raporo, cyangwa ukamenyekanisha impinduka.